

<p>ITEGEKO N°23/2012 RYO KUWA 15/06/2012 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'AMASHURI Y'INCUIKE, ABANZA N'AYISUMBUYE</p>	<p>LAW N°23/2012 OF 15/06/2012 GOVERNING THE ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF NURSERY, PRIMARY AND SECONDARY EDUCATION</p>	<p>LOI N°23/2012 DU 15/06/2012 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'EDUCATION PRESCOLAIRE ET DE L'ENSEIGNEMENT PRIMAIRE ET SECONDAIRE</p>
---	--	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Uruhare rwa Leta mu gufasha amashuri kugera ku nshingano zayo

Article 2 : Role of Government in supporting schools to meet their objectives

Article 2 : Rôle de l'Etat d'aider les écoles à atteindre leurs objectifs

Ingingo ya 3 : Imyitwarire mu mashuri

Article 3: Code of conduct in schools

Article 3 : Code de conduite dans les écoles

Ingingo ya 4: Amacumbi y'abanyeshuri mu mashuri

Article 4: Boarding system in schools

Article 4 : Système d'internat dans les écoles

Ingingo ya 5: Imikorere y'abarimu

Article 5: Practice of the teaching profession

Article 5: Exercice de la fonction d'enseignant

UMUTWE WA II: UBUYOBOZI BW'AMASHURI

CHAPTER II: SCHOOLS MANAGEMENT

CHAPITRE II : ADMINISTRATION DES ECOLES

Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi bwite bw'ishuri

Article 6 : School management Organs

Article 6 : Organes de l'administration de l'école

Iciviro cya mbere: Inteko Rusange y'Ishuri

Section one: School General Assembly

Section première: Assemblée Générale de l'Ecole

<u>Ingingo ya 7:</u> Inzego zishamikiye ku Nteko Rusange y'Ishuri	<u>Article 7:</u> Subsidiary organs of the School General Assembly	<u>Article 7 :</u> Organes subsidiaires de l'Assemblée Générale de l'Ecole
<u>Ingingo ya 8:</u> Abagize Inteko Rusange y'Ishuri	<u>Article 8:</u> Members of the School General Assembly	<u>Article 8:</u> Membres de l'Assemblée Générale de l'Ecole
<u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano z'Inteko Rusange y'Ishuri	<u>Article 9:</u> Responsibilities of the School General Assembly	<u>Article 9 :</u> Attributions de l'Assemblée Générale de l'Ecole
<u>Ingingo ya 10:</u> Imikorere y'Inteko Rusange y'Ishuri	<u>Article 10:</u> Functioning of the School General Assembly	<u>Article 10:</u> Fonctionnement de l'Assemblée Générale de l'Ecole
<u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri	<u>Article 11:</u> Members of the School General Assembly Committee	<u>Article 11 :</u> Membres du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano za Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri	<u>Article 12:</u> Responsibilities of the School General Assembly Committee	<u>Article 12 :</u> Attributions du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole
<u>Ingingo ya 13:</u> Abagize Komite Ngenzuzi y'Ishuri	<u>Article 13:</u> Members of the School Audit Committee	<u>Article 13 :</u> Membres du Comité d'Audit de l'Ecole
<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano za Komite Ngenzuzi y'Ishuri	<u>Article 14:</u> Responsibilities of the School Audit Committee	<u>Article 14 :</u> Attributions du Comité d'Audit de l'Ecole
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ubuyobozi bwite bw'ishuri	<u>Section 3:</u> School management board	<u>Section3 :</u> Direction de l'école
<u>Ingingo ya 15:</u> Abagize ubuyobozi bwite bw'ishuri	<u>Article 15:</u> Members of the school management	<u>Article 15 :</u> Membres de direction de l'école
<u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano z'abagize ubuyobozi bwite bw'ishuri	<u>Article 16:</u> Responsibilities of school management board members	<u>Article 16:</u> Attributions des membres de l'administration de l'école

**UMUTWE WA III: INZEGO ZUNGANIRA
UBUYOBOZI BW'AMASHURI**

Ingingo ya 17: Inzego zunganira ubuyobozi bwite bw'ishuri

Icyiciro cya mbere: Inama y'Abanyeshuri

Ingingo ya 18: Abagize Inama y'Abanyeshuri n'uburyo inama ziterana

Ingingo ya 19: Inshingano z'Inama y'Abanyeshuri

Icyiciro cya 2: Inama y'Abarimu

Ingingo ya 20: Abagize Inama y'Abarimu, uburyo inama ziterana n'uko bitoramo ababahagarariye

Ingingo ya 21: Inshingano z'Inama y'Abarimu

Icyiciro cya 3: Inama y'Uburezi y'Umurenge

Ingingo ya 22: Abagize Inama y'Uburezi y'Umurenge

Ingingo ya 23: Inshingano z'Inama y'Uburezi y'Umurenge

**CHAPTER III: SUBSIDIARY ORGANS
OF SCHOOLS MANAGEMENT**

Article 17: Subsidiary organs of school management

Section One: Students' Council

Article 18: Members of the Students' Council and modalities for the conduct of meetings

Article 19: Responsibilities of the Students' Council

Section 2: Teachers' Council

Article 20: Members of Teachers' Council, modalities for conducting meetings and electing their representatives among themselves

Article 21: Responsibilities of the Teachers' Council

Section 3: Sector Education Council

Article 22: Members of the Sector Education Council

Article 23: Responsibilities of the Sector Education Council

**CHAPITRE III: ORGANES
AUXILIAIRES DE
L'ADMINISTRATION DES ECOLES**

Article 17: Organes auxiliaires de l'administration de l'école

Section première: Conseil des Elèves

Article 18: Membres du Conseil des Elèves et modalités de tenue des réunions

Article 19: Attributions du Conseil des Elèves

Section 2: Conseil des Enseignants

Article 20: Membres du Conseil des Enseignants, modalités de tenue des réunions et d'élection parmi eux de leurs représentants

Article 21: Attributions du Conseil des Enseignants

Section 3: Conseil d'Education du Secteur

Article 22: Membres du Conseil d'Education du Secteur

Article 23: Attributions du Conseil d'Education du Secteur

<u>Ingingo ya 24:</u> Iterana n'ifatwa ry'ibyemezo by'inama y'uburezi y'Umurenge	<u>Article 24:</u> Modalities for conducting meetings and making decisions of the Sector Education Council	<u>Article 24:</u> Modalités de tenue des réunions et de prise de décisions du Conseil d'Education du Secteur
<u>Icyiciro cya 4:</u> Inama y'Uburezi y'Akarere	<u>Section 4:</u> District Education Council	<u>Section 4:</u> Conseil d'Education du District
<u>Ingingo ya 25:</u> Abagize Inama y'Uburezi y'Akarere	<u>Article 25:</u> Members of the District Education Council	<u>Article 25:</u> Membres du Conseil d'Education du District
<u>Ingingo ya 26:</u> Inshingano z'Inama y'Uburezi y'Akarere	<u>Article 26:</u> Responsibilities of District Education Council	<u>Article 26:</u> Attributions du Conseil d'Education du District
<u>Ingingo ya 27:</u> Iterana n'ifatwa ry'ibyemezo by'Inama y'Uburezi y'Akarere	<u>Article 27:</u> Modalities for conducting meetings and making decisions of the District Education Council	<u>Article 27:</u> Modalités de tenue des réunions et de prise de décisions du Conseil d'Education du District
<u>UMUTWE WA IV: UBUREZI MU MASHURI Y'INCUIKE, ABANZA N'AYISUMBUYE</u>	<u>CHAPTER IV: NURSERY, PRIMARY AND SECONDARY EDUCATION</u>	<u>CHAPITRE IV: EDUCATION PRESCOLAIRE ET ENSEIGNEMENT PRIMAIRE ET SECONDAIRE</u>
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Amashuri y'incuke	<u>Section One:</u> Nursery education	<u>Section première:</u> Education préscolaire
<u>Ingingo ya 28:</u> Ibyiciro by'amashuri y'incuke	<u>Article 28:</u> Cycles of nursery schools	<u>Article 28:</u> Cycles d'éducation préscolaire
<u>Ingingo ya 29:</u> Ishyirwaho n'icungwa by'amashuri y'incuke	<u>Article 29:</u> Creation and management of nursery schools	<u>Article 29:</u> Création et gestion des écoles maternelles
<u>Ingingo ya 30:</u> Ibisabwa mu gushinga ishuri ry'incuke	<u>Article 30:</u> Requirements for the creation of a nursery school	<u>Article 30:</u> Conditions de création d'une école maternelle
<u>Ingingo ya 31:</u> Ibyangombwa bisabwa abarimu bo mu mashuri y'incuke	<u>Article 31:</u> Requirements for being a nursery school teacher	<u>Article 31:</u> Conditions pour être enseignant d'une école maternelle

<u>Icyiciro cya 2 : Amashuri abanza</u>	<u>Section 2: Primary education</u>	<u>Section 2 : Enseignement primaire</u>
<u>Ingingo ya 32: Ibyiciro by'amashuri abanza</u>	<u>Article 32 : Cycles of primary education</u>	<u>Article 32: Cycles d'enseignement primaire</u>
<u>Ingingo ya 33: Imyaka yo gutangira amashuri abanza</u>	<u>Article 33 : Primary school starting age</u>	<u>Article 33 : Age d'entrée à l'école primaire</u>
<u>Ingingo ya 34: Kwigira ubuntu amashuri abanza</u>	<u>Article 34: Free primary education</u>	<u>Article 34: Gratuité de l'enseignement primaire</u>
<u>Ingingo ya 35: Amasomo, amasaha y'ingengabihe n'ururimi rwigishwamo mu mashuri abanza</u>	<u>Article 35 : Curriculum, teaching hours and language of instruction in primary schools</u>	<u>Article 35 : Programme, charge horaire et langue d'enseignement dans les écoles primaires</u>
<u>Ingingo ya 36: Izamurwa ry'abanyeshuri barangije amashuri abanza</u>	<u>Article 36: Promotion of primary school graduates</u>	<u>Article 36 : Promotion des élèves finalistes des écoles primaires</u>
<u>Ingingo ya 37: Ibisabwa abarimu bo mu mashuri abanza</u>	<u>Article 37 : Requirements for being a primary school teacher</u>	<u>Article 37 : Conditions pour être enseignant d'une école primaire</u>
<u>Icyiciro cya 3: Amashuri yisumbuye</u>	<u>Section 3: Secondary schools</u>	<u>Section 3: Ecoles secondaires</u>
<u>Ingingo ya 38: Ibyiciro by'amashuri yisumbuye</u>	<u>Article 38 : Cycles of secondary education</u>	<u>Article 38 : Cycles d'enseignement secondaire</u>
<u>Ingingo ya 39: Ishyirwaho n'ivanwaho ry'amashuri yo mu mashuri yisumbuye</u>	<u>Article 39: Opening and closing of subjects in secondary schools</u>	<u>Article 39 : Ouverture et fermeture des sections d'enseignement secondaire</u>
<u>Ingingo ya 40: Amasomo, amasaha y'ingengabihe n'ururimi rwigishwamo mu mashuri yisumbuye</u>	<u>Article 40 : Curriculum, teaching hours and language of instruction in secondary schools</u>	<u>Article 40 : Programme, charge horaire et langue d'enseignement dans les écoles secondaires</u>

<u>Ingingo ya 41:</u> Amafaranga y'ishuri mu mashuri yisumbuye	<u>Article 41:</u> Secondary school fees	<u>Article 41 :</u> Frais de scolarité dans les écoles secondaires
<u>Ingingo ya 42:</u> Ibisabwa abarimu bo mu mashuri yisumbuye	<u>Article 42:</u> Conditions required for secondary school teachers	<u>Article 42 :</u> Conditions requises pour les enseignants des écoles secondaires
<u>Icyiciro cya 4:</u> Amashuri yihariye	<u>Section 4:</u> Specialized schools	<u>Section 4 :</u> Ecoles spécialisées
<u>Ingingo ya 43:</u> Ishyirwaho n'imiyoborere by'amashuri yihariye	<u>Article 43:</u> Creation and management of specialized schools	<u>Article 43 :</u> Création et administration des écoles spécialisées
<u>Ingingo ya 44:</u> Ibyiciro by'amashuri yihariye	<u>Article 44:</u> Cycles of specialized education	<u>Article 44:</u> Cycles d'éducation spécialisée
<u>Ingingo ya 45:</u> Integanyanyigisho z'amashuri yihariye	<u>Article 45 :</u> Specialized education curricula	<u>Article 45 :</u> Programmes d'enseignement spécialisé
<u>Ingingo ya 46:</u> Amasomo, amasaha n'ururimi rwigishwamo mu mashuri yihariye	<u>Article 46 :</u> Curriculum, teaching hours and language of instruction in specialized schools	<u>Article 46:</u> Programme, charge horaire et langue d'enseignement dans les écoles spécialisées
<u>Ingingo ya 47 :</u> Kuva mu ishuri ryihariye ujya mu ishuri risanzwe	<u>Article 47:</u> Transfer from specialized school to ordinary school	<u>Article 47 :</u> Transfert d'une école spécialisée à une école ordinaire
<u>Ingingo ya 48:</u> Abarimu bo mu mashuri yihariye	<u>Article 48:</u> Teachers of specialized schools	<u>Article 48:</u> Enseignants des écoles spécialisées
<u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 49:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 49:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 49 :</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 50: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 50 : Repealing provision

Article 50: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 51: Igihe cy'ikurikizwa ry'iri tegeko

Article 51 : Commencement

Article 51: Entrée en vigueur de la présente loi

ITEGEKO N°23/2012 RYO KUWA 15/06/2012 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N°IMIKORERE BY'AMASHURI Y'INCUIKE, ABANZA N'AYISUMBUYE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 30 Mata 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 40, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108, iya 113, iya 118, iya 167 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°02/2011/OL ryo kuwa 27/07/2011 rigena imiterere y'uburezi;

LAW N°23/2012 OF 15/06/2012 GOVERNING THE ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF NURSERY, PRIMARY AND SECONDARY EDUCATION

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 30 April 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 40, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 113, 118, 167 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 02/2011/OL of 27/07/2011 governing the organization of education;

LOI N°23/2012 DU 15/06/2012 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'EDUCATION PRESCOLAIRE ET DE L'ENSEIGNEMENT PRIMAIRE ET SECONDAIRE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 30 avril 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 40, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 113, 118, 167 et 201;

Vu la Loi Organique n° 02/2011/OL du 27/07/2011 portant organisation de l'éducation ;

Isubiye ku Itegeko n° 29/2003 ryo kuwa 30/08/2003 rigenga imitunganyirize n'imikorere y'amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye;

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye.

Ingingo ya 2: Uruhare rwa Leta mu gufasha amashuri kugera ku nshingano zayo

Iteka rya Perezida rishyiraho uburyo bwo gufasha amashuri ya Leta, amashuri ahuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano n'amashuri yigenga kugera ku nshingano zayo.

Ingingo ya 3: Imyitwarire mu mashuri

Iteka rya Minisitiri ufite Uburezi mu nshingano ze rishyiraho amabwiriza agenga imyitwarire y'abayobozi, abarimu n'abanyeshuri muri ayo mashuri.

Having reviewed Law n° 29/2003 of 30/08/2003, establishing the organization and functioning of nursery, primary and secondary schools;

ADOPTS:

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of this Law

This Law governs the organization and functioning of nursery, primary and secondary education.

Article 2: Role of Government in supporting schools to meet their objectives

A Presidential Order shall determine modalities for supporting public schools, Government-subsidized schools and private schools to meet their objectives.

Article 3: Code of conduct in schools

An Order of the Minister in charge of education shall set out rules governing the conduct of headmasters, teachers and students of such schools.

Revu la Loi n° 29/2003 du 30/08/2003 portant organisation et fonctionnement de l'éducation préscolaire et de l'enseignement primaire et secondaire;

ADOPTE:

**CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GENERALES**

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi régit l'organisation et le fonctionnement de l'éducation préscolaire et de l'enseignement primaire et secondaire.

Article 2: Rôle de l'Etat d'aider les écoles à atteindre leurs objectifs

Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'assistance aux écoles publiques, aux écoles subventionnées et aux écoles privées pour atteindre leurs objectifs.

Article 3 : Code de conduite dans les écoles

Un arrêté du Ministre ayant l'éducation dans ses attributions édicte les règles de conduite des directeurs, des enseignants et des élèves de ces écoles.

Ingingo ya 4: Amacumbi y'abanyeshuri mu mashuri

Amabwiriza ya Minisitiri ufite Uburezi mu nshingano ze agena ibyerekeye ishyirwaho ry'amacumbi y'abanyeshuri mu mashuri abanza n'ayisumbuye.

Ingingo ya 5: Imikorere y'abarimu

Iteka rya Perezida rishyiraho sitati yihariye y'abarimu, rigena inshingano za Leta mu byerekeye imikorere y'abarimu.

UMUTWE WA II: UBUYOBOZI BW'AMASHURI

Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi bwite bw'ishuri

Inzego z'Ubuyobozi bwite bw'ishuri ni izi zikurikira:

- 1° Inteko Rusange y'Ishuri ;
- 2° Ubuyobozi bwite bw'Ishuri.

Article 4: Boarding system in schools

Instructions of the Minister in charge of education shall determine modalities for establishing the boarding system in primary and secondary schools.

Article 5: Practice of the teaching profession

The Presidential Order establishing special statutes governing teachers shall determine Government obligations regarding the practice of the teaching profession.

CHAPTER II: SCHOOLS MANAGEMENT

Article 6 : School management organs

The school management organs shall be the following:

- 1° School General Assembly;
- 2° School Management.

Article 4 : Système d'internat dans les écoles

Les instructions du Ministre ayant l'éducation dans ses attributions déterminent les modalités de mise en place du système d'internat dans les écoles primaires et secondaires.

Article 5: Exercice de la fonction d'enseignant

L'arrêté présidentiel portant statut particulier des enseignants détermine les obligations de l'Etat en ce qui concerne l'exercice de la profession d'enseignant.

CHAPITRE II: ADMINISTRATION DES ECOLES

Article 6 : Organes d'administration de l'école

Les organes d'administration de l'école sont les suivants :

- 1° l'Assemblée Générale de l'Ecole ;
- 2° l'Administration de l'école.

Icyiciro cya mbere: Inteko Rusange y'Ishuri

Ingingo ya 7: Inzego zishamikiye ku Nteko Rusange y'Ishuri

Inzego zishamikiye ku Nteko Rusange y'Ishuri ni izi zikurikira:

- 1° Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri;
- 2° Komite Ngenzuzi y'Ishuri.

Ingingo ya 8: Abagize Inteko Rusange y'Ishuri

Inteko Rusange y'Ishuri igizwe n'aba bakurikira:

- 1° ababyeyi barerera kuri iryo shuri, bitoramo Perezida na Visi Perezida;
- 2° umuyobozi w'ishuri ari na we mwanditsi udatorwa kandi udatora;
- 3° abarimu bigisha ku ishuri;
- 4° abagize ubuyobozi bwite bw'Ishuri;

Section One: School General Assembly

Article 7: Subsidiary organs of the School General Assembly

The subsidiary organs of the School General Assembly shall be the following:

- 1° the School General Assembly Committee;
- 2° the School Audit Committee.

Article 8: Members of the School General Assembly

The School General Assembly shall be composed of the following:

- 1° parents with children enrolled in the school, who elect from among themselves a Chairperson and a Deputy Chairperson;
- 2° the headmaster of the school who serves as *ex officio* non-voting rapporteur;
- 3° school teachers;
- 4° members of the school administrative staff;

Section première: Assemblée Générale de l'Ecole

Article 7: Organes subsidiaires de l'Assemblée Générale de l'Ecole

Les organes subsidiaires de l'Assemblée Générale de l'Ecole sont les suivants :

- 1° le Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole ;
- 2° le Comité d'Audit de l'Ecole.

Article 8: Membres de l'Assemblée Générale de l'Ecole

L'Assemblée Générale de l'Ecole est composée de :

- 1° les parents dont les enfants fréquentent l'école qui élisent parmi eux un Président et un Vice-Président;
- 2° le Directeur de l'école qui en est d'office le rapporteur sans droit d'éligibilité ni de vote ;
- 3° les enseignants de l'école ;
- 4° le personnel administratif de l'école;

5° abanyeshuri babiri (2) bahagarariye abandi hagomba kubamo umuhungu n'umukobwa aho bishoboka batorwa na bagenzi babo uretse mu mashuri y'incuke;

6° nyir'ishuri cyangwa umuhagarariye ku mashuri ahuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano no ku mashuri yigenga;

7° undi muntu wese wemejwe n'Inteko Rusange y'Ishuri.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ufite amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye mu nshingano ze cyangwa umuhagarariye yitabira inama y'Inteko Rusange y'Ishuri, ariko ntatorwa cyangwa ngo atore.

Ingingo ya 9: Inshingano z'Inteko Rusange y'Ishuri

Inteko Rusange y'Ishuri nirwo rwego rw'ikirenga rwaryo mu birebana n'imyigire, imyigishirize n'imibereho myiza. Ikurikirana imikorere rusange y'ishuri kandi igaharanira icyatuma ritera imbere.

By'umwihariko ishinze ibi bikurikira:

5° two (2) representatives of students, both of whom must be a boy and a girl where possible, who are elected by their peers, except in nursery schools;

6° the school owner or his/her representative for Government-subsidized schools and private schools;

7° any other person approved by the School General Assembly.

The District Vice Mayor in charge of nursery, primary and secondary schools or his/her representative shall attend the School General Assembly meeting on an *ex officio* non-voting basis.

Article 9: Responsibilities of the School General Assembly

The School General Assembly shall be the supreme organ in terms of learning, teaching and welfare. It monitors the overall operation of the school and take a keen interest in the school development.

In particular, it shall be responsible for the

5° deux (2) représentants des élèves dont nécessairement un garçon et une fille si possible, élus par leurs pairs sauf dans les écoles maternelles ;

6° le propriétaire de l'école ou son représentant pour les écoles subventionnées et privées ;

7° toute autre personne approuvée par l'Assemblée Générale de l'Ecole;

Le Vice-Maire du District ayant les écoles maternelles, primaires et secondaires dans ses attributions ou son représentant participe d'office mais sans droit d'éligibilité ni de vote à la réunion de l'Assemblée Générale de l'Ecole.

Article 9 : Attributions de l'Assemblée Générale de l'Ecole

L'Assemblée Générale de l'Ecole est l'organe suprême de l'école en matière d'apprentissage, d'enseignement et du bien-être. Elle assure le suivi du fonctionnement général de l'école et se préoccupe de son développement.

Elle est particulièrement chargée de ce qui

Official Gazette n° 31 of 30/07/2012

	following:	suit:
1° gushyiraho icyerekezo cyihariye cy'Ishuri hakurikijwe intego yaryo;	1° to formulate the specific vision of the school in accordance with its mission;	1° établir la vision spécifique de l'école en fonction de sa mission ;
2° gutanga ibitekerezo n'ibyifuzo ku birebana n'iterambere Rusange; ry'ishuri ;	2° to provide views and suggestions in relation to the school overall development;	2° donner des avis et faire des suggestions relatives au développement général de l'école ;
3° gushyiraho no gukuraho abagize Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri;	3° to appoint and remove members of the School General Assembly Committee;	3° nommer et révoquer les membres du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole;
4° gushyiraho no gukuraho abagize Komite ngenzuzi;	4° to appoint and remove Audit Committee members;	4° nommer et révoquer les membres du Comité d'Audit;
5° gushyikiriza ubuyobozi bw'Umurenge raporo z'inama, Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akagari ishuri ririmo akagenerwa kopi;	5° to submit meeting reports to the Sector authorities with a copy thereof to the Executive Secretary of the Cell in which the school is located;	5° soumettre les rapports de réunions aux autorités du Secteur et réserver copie au Secrétaire Exécutif de la Cellule du lieu d'emplacement de l'école;
6° kwemeza amategeko ngengamikorere y'ishuri;	6° to approve internal rules and regulations of the school;	6° approuver le règlement d'ordre intérieur de l'école;
7° kwemeza ingengo y'imari y'umwaka y'ishuri;	7° to approve the annual budget of the school;	7° approuver le budget annuel de l'école ;
8° kwemeza umusanzu w'ababyeyi mu gihe bibaye ngombwa.	8° to approve the contribution of parents if necessary.	8° approuver la contribution des parents si nécessaire.

Ingingo ya 10: Imikorere y'Inteko Rusange y'Ishuri

Inteko Rusange y'Ishuri yifashisha Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri kugira ngo ishobore gushyira mu bikorwa ibyemezo byayo.

Inteko Rusange y'Ishuri yifashisha kandi Komite ngenzuzi kugira ngo ishobore kugenzura imikorere y'ishuri n'iya Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri.

Iteka rya Minisitiri ufite Uburezi mu nshingano ze rishyiraho amabwiriza rusange agenga amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye; rigena kandi uko abagize Inteko Rusange y'Ishuri, Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri na Komite ngenzuzi baterana, batorwa, manda yabo n'uko bafata ibyemezo.

Ingingo ya 11: Abagize Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri

Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri igizwe n'aba bakurikira:

1° ababyeyi bane (4) barimo Perezida na

Article 10: Functioning of the School General Assembly

The School General Assembly shall get assistance from the School General Assembly Committee to implement its decisions.

The School General Assembly shall also get assistance from the Audit Committee to audit the functioning of the school and the School General Assembly Committee.

An Order of the Minister in charge of Education shall set up general rules governing nursery, primary and secondary schools and determine modalities for the conduct of meetings of members of the School General Assembly, the School General Assembly Committee and those of the Audit Committee as well as modalities for their election, their term of office and decision-making procedures.

Article 11: Members of the School General Assembly Committee

The School General Assembly Committee shall be composed of the following:

1° four (4) parents including the

Article 10: Fonctionnement de l'Assemblée Générale de l'Ecole

L'Assemblée Générale de l'Ecole se sert du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole en vue de la mise en application de ses décisions.

L'Assemblée Générale de l'Ecole se sert également du Comité d'audit en vue de pouvoir auditer le fonctionnement de l'école et du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole.

Un arrêté du Ministre ayant l'éducation dans ses attributions édicte les règles générales régissant les écoles maternelles, primaires et secondaires et détermine les modalités de tenue des réunions des membres de l'Assemblée Générale de l'Ecole, du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole et du Comité d'Audit, les modalités de leur élection, leur mandat et les modalités de leur prise de décisions.

Article 11 : Membres du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole

Les membres du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole sont les suivants:

1° quatre (4) parents dont le Président

Official Gazette n° 31 of 30/07/2012

Visi-Perezida b'Inteko Rusange;	Chairperson and the Deputy Chairperson of the School General Assembly;	et le Vice – Président de l'Assemblée Générale de l'Ecole;
2° nyir'ishuri cyangwa umuhagarariye;	2° the school owner or his/her representative;	2° le propriétaire de l'école ou son représentant ;
3° umuyobozi w'ishuri ari na we mwanditsi ntatora kandi ntatorwa;	3° the head teacher of the school who serves as <i>ex officio</i> non-voting rapporteur;	3° le Directeur de l'école qui en est d'office le rapporteur sans droit d'éligibilité ni de vote ;
4° abarimu babiri (2) bahagarariye bagenzi babo;	4° two (2) teachers representing their peers;	4° deux (2) enseignants représentant leurs pairs;
5° abanyeshuri babiri (2) bari mu Nteko Rusange y'Ishuri;	5° two (2) students who are members of the School General Assembly.	5° deux (2) élèves qui sont membres de l'Assemblée Générale de l'Ecole.
Nibura 30% by'abagize Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri bagomba kuba ari abagore.	At least thirty percent (30%) of members of the School General Assembly Committee must be females.	Trente pourcent (30%) au moins des membres du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole doivent être de sexe féminin.
<u>Ingingo ya 12: Inshingano za Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri</u>	<u>Article 12: Responsibilities of the School General Assembly Committee</u>	<u>Article 12: Attributions du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole</u>
Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri ifite inshingano zikurikira:	The School General Assembly Committee shall have the following responsibilities:	Les attributions du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole sont les suivantes:
1° gutumira no kuyobora Inteko Rusange;	1° to convene and preside over the School General Assembly;	1° convoquer et diriger l'Assemblée Générale de l'Ecole;
2° gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa	2° to monitor the implementation of the	2° faire le suivi de la mise en

Official Gazette n° 31 of 30/07/2012

ry'ibyemezo byafashwe n'Inteko Rusange;	decisions taken by the School General Assembly;	application des décisions prises par l'Assemblée Générale de l'Ecole ;
3° gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko, amateka n'amabwiriza agenga ishuri;	3° to monitor compliance with laws, orders and instructions governing the school ;	3° faire le suivi du respect des lois, des arrêtés et des instructions régissant l'école;
4° kugira uruhare mu micungire y'umutungo w'Ishuri;	4° to take part in the management of the school assets;	4° participer à la gestion des biens de l'école ;
5° kwiga kuri gahunda y'ibikorwa by'ishuri;	5° to analyze the school action plan;	5° analyser le plan d'action de l'école ;
6° gukurikirana imyifatire n'imyitwarire y'abayobozi, abarimu n'abanyeshuri;	6° to follow up the discipline and conduct of school authorities, teachers and students;	6° faire le suivi de la discipline et de la conduite des autorités de l'école, des enseignants et des élèves ;
7° gusuzuma ibibazo bikomeye by'ishuri no kugaragaza uburyo bikwiye gukemurwa;	7° to analyse major problems facing the school and propose solutions;	7° analyser les grands problèmes auxquels l'école est confrontée et proposer des solutions ;
8° gukora akandi kazi kose ihawe n'Inteko Rusange y'Ishuri;	8° to perform such other tasks as assigned by the School General Assembly;	8° exécuter toute autre tâche lui assignée par l'Assemblée Générale de l'Ecole;
9° gutanga raporo ku Nteko Rusange.	9° to submit a report to the School General Assembly.	9° présenter le rapport à l'Assemblée Générale de l'Ecole.

Ingingo ya 13: Abagize Komite Ngenzuzi y'Ishuri

Komite Ngenzuzi y'ishuri igizwe n'aba bakurikira:

Article 13: Members of the School Audit Committee

The School Audit Committee shall be comprised of the following:

Article 13 : Membres du Comité d'Audit de l'Ecole

Les membres du Comité d'Audit de l'Ecole sont les suivants :

- | | | |
|--|--|--|
| 1° Perezida na Visi-Perezida batorwa mu babyeyi batari muri Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri; | 1° the Chairperson and Deputy Chairperson elected from among parents who are not members of the School General Assembly Committee; | 1° le Président et le Vice-Président élus parmi les parents qui ne sont pas membres du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole ; |
| 2° umwarimu utorwa na bagenzi be, ari na we mwanditsi; | 2° one teacher elected by his/her peers and who serves as rapporteur; | 2° un enseignant élu par ses pairs et qui en est le rapporteur; |
| 3° ushinzwe Uburezi mu Murenge; | 3° the officer in charge of education at the Sector level; | 3° l'agent chargé de l'éducation dans le Secteur ; |
| 4° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ishuri ryubatsemo; | 4° the Executive Secretary of the Cell in which the school is located; | 4° le Secrétaire Exécutif de la Cellule du lieu où se trouve l'école ; |
| 5° nyir'ishuri ku mashuri yigenga no ku mashuri ahuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano. | 5° the school owner in case of private schools and Government- subsidized schools. | 5° le propriétaire de l'école pour les écoles privées et les écoles conventionnées. |

Ingingo ya 14: Inshingano za Komite Ngenzuzi y'Ishuri

Komite Ngenzuzi y'Ishuri ifite inshingano zikurikira:

- 1° kugenzura ibyerekeye iyinjira, ikoresha n'isohoka ry'imari n'ibikoresho by'ishuri;
- 2° gukurikirana uko umutungo utimukanwa w'ishuri ucungwa no kubitangaho inama;

Article 14: Responsibilities of the School Audit Committee

The responsibilities of the School Audit Committee shall be the following:

- 1° to examine the acquisition, use and output of financial and material resources of the school;
- 2° to monitor the management of the school property and provide advice thereon;

Article 14: Attributions du Comité d'Audit de l'Ecole

Les attributions du Comité d'Audit de l'Ecole sont les suivantes:

- 1° examiner l'acquisition, l'utilisation et la sortie des ressources financières et matérielles de l'école ;
- 2° faire le suivi de la gestion des biens immeubles de l'école et donner des conseils à cet effet;

3° gutanga inama ku buryo umutungo w'ishuri wakongerwa;	3° to advise on ways of increasing school property;	3° donner des conseils sur les modalités d'augmenter les biens de l'école ;
4° gutanga raporo y'igenzura ku Nteko Rusange;	4° to submit the audit report to the School General Assembly;	4° présenter le rapport d'audit à l'Assemblée Générale de l'Ecole ;
5° gukurikirana imikorere ya Komite y'Inteko Rusange y'Ishuri.	5° to monitor the functioning of the School General Assembly Committee.	5° faire le suivi du fonctionnement du Comité de l'Assemblée Générale de l'Ecole.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi bwite bw'ishuri

Ingingo ya 15: Abagize ubuyobozi bwite bw'ishuri

Ubuyobozi bwite bw'ishuri bugizwe n'aba bakurikira:

- 1° Umuyobozi w'Ishuri;
- 2° abandi bayobozi banyuranye bitewe n'icyiciro ishuri ririmo hamwe n'umubare w'abanyeshuri.

Ingingo ya 16: Inshingano z'abagize ubuyobozi bwite bw'ishuri

Iteka rya Minisitiri ufite Uburezi mu nshingano ze rishyiraho inshingano z'abagize ubuyobozi bwite bw'ishuri rikanagena abandi bayobozi b'ishuri bashyirwaho bitewe n'icyiciro ishuri ririmo cyangwa umubare w'abanyeshuri.

Section 3: School management Board

Article 15: Members of the school management Board

The school management Board shall be comprised of the following:

- 1° the school Headmaster;
- 2° other authorities depending on the level of the school and the number of students.

Article 16: Responsibilities of school management board members

An Order of the Minister in charge of education shall set out the responsibilities of school management board members and determine other school authorities depending on the level of the school and the number of students.

Section 3 : Direction de l'école

Article 15: Membres de la Direction de l'école

Les membres de la direction de l'école sont les suivants:

- 1° le Directeur de l'école;
- 2° autres autorités qui varient suivant le cycle de l'école et le nombre d'élèves.

Article 16: Attributions des membres de l'administration de l'école

Un arrêté du Ministre ayant l'éducation dans ses attributions fixe les attributions des membres de direction de l'école et détermine d'autres autorités de l'école qui varient suivant le cycle de l'école et le nombre d'élèves.

**UMUTWE WA III: INZEGO ZUNGANIRA
UBUYOBOZI BW'AMASHURI**

**CHAPTER III: SUBSIDIARY ORGANS
OF SCHOOLS MANAGEMENT**

**CHAPITRE III: ORGANES
AUXILIAIRES DE
L'ADMINISTRATION DES ECOLES**

Ingingo ya 17: Inzego zunganira ubuyobozi bwite bw'ishuri

Article 17: Subsidiary organs of school management

Article 17: Organes auxiliaires de l'administration de l'école

Hashyizweho inzego enye (4) zunganira ubuyobozi bwite bw'ishuri :

There is hereby established four (4) subsidiary organs of school management:

Il est créé quatre (4) organes auxiliaires de l'Administration de l'école :

- 1° Inama y'Abanyeshuri, uretse mu mashuri y'incuke;
- 2° Inama y'Abarimu ;
- 3° Inama y'Uburezi y'Umurenge;
- 4° Inama y'Uburezi y'Akarere.

- 1° Students' Council except in nursery schools;
- 2° Teachers' Council;
- 3° Sector Education Council;
- 4° District Education Council.

- 1° le Conseil des Elèves sauf dans les écoles maternelles ;
- 2° le Conseil des Enseignants ;
- 3° le Conseil d'Education du Secteur ;
- 4° le Conseil d'Education du District.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Abanyeshuri

Section One: Students' Council

Section première: Conseil des Elèves

Ingingo ya 18: Abagize Inama y'Abanyeshuri n'uburyo inama ziterana

Article 18:Members of the Students' Council and modalities for the conduct of meetings

Article 18: Membres du Conseil des Elèves et modalités de tenue des réunions

Inama y'Abanyeshuri igizwe n'abanyeshuri bose biga ku ishuri.

The Students' Council shall consist of all the students attending the school.

Le Conseil des Elèves est constitué de tous les élèves qui fréquentent l'école.

Itegeko ngengamikorere ry'ishuri rigena uko inama ziterana.

Internal rules and regulations of the school shall determine modalities for the conduct of meetings.

Le règlement d'ordre intérieur de l'école détermine les modalités de tenue des réunions.

Ingingo ya 19: Inshingano z'Inama y'Abanyeshuri

Inama y'abanyeshuri ishinzwe:

- 1° gutanga ibitekerezo ku mibereho yabo, ku myigire, ku myifatire no ku myitwarire yabo;
- 2° kugira uruhare mu mirimo inyuranye ijyanye n'ibikorwa rusange by'ishuri;
- 3° gutora ababahagararira mu Nteko Rusange y'Ishuri;
- 4° gutoza abanyeshuri gufashanya no gukora imirimo y'amaboko.

Icyiciro cya 2: Inama y'Abarimu

Ingingo ya 20: Abagize Inama y'Abarimu, uburyo inama ziterana n'uko bitoramo ababahagarariye

Inama y'Abarimu igizwe n'abarimu bose bigisha ku ishuri.

Amategeko ngengamikorere y'ishuri akena uko inama ziterana n'uko abarimu bitoramo

Article 19 : Responsibilities of the Students' Council

The Students' Council shall be responsible for the following:

- 1° to provide views on the living conditions, learning, discipline and behavior of students;
- 2° to participate in various works related to the general activities of the school;
- 3° to elect their representatives in the School General Assembly;
- 4° to instill in students the culture of mutual assistance and performing manual activities.

Section 2: Teachers' Council

Article 20 : Members of Teachers' Council, modalities for conducting meetings and electing their representatives among themselves

The Teachers' Council shall be composed of all school teachers.

Internal rules and regulations of the school shall determine modalities for the conduct of

Article 19 : Attributions du Conseil des Elèves

Le Conseil des Elèves est chargé de :

- 1° donner des avis sur les conditions de vie, l'apprentissage, la discipline et le comportement des élèves;
- 2° participer aux différents travaux relatifs aux activités générales de l'école ;
- 3° élire leurs représentants à l'Assemblée Générale de l'Ecole ;
- 4° initier les élèves à l'entraide et à la réalisation des travaux manuels.

Section 2 : Conseil des Enseignants

Article 20: Membres du Conseil des Enseignants, modalités de tenue des réunions et d'élection parmi eux de leurs représentants

Le Conseil des Enseignants est constitué de tous les enseignants de l'école.

Le Règlement d'ordre intérieur de l'école détermine les modalités de tenue des

ababahagararira.

meetings and procedures used to elect their representatives from among themselves.

réunions et celles suivies pour élire parmi eux leurs représentants.

Ingingo ya 21: Inshingano z'Inama y'Abarimu

Article 21 : Responsibilities of the Teachers' Council

Article 21 : Attributions du Conseil des Enseignants

Inama y'abarimu ishinzwe:

The Teachers' Council shall be responsible for the following:

Le Conseil des Enseignants est chargé de :

1° gutanga ibitekerezo ku birebana n'imyigire n'imyigishirize, imicungire y'ishuri, igenamigambi no kuri gahunda y'iterambere ry'abarimu;

1° to provide views regarding learning, teaching, school management, planning and teachers development plan;

1° donner des avis sur l'apprentissage et l'enseignement, la gestion de l'école, la planification et le plan de développement des enseignants;

2° gutanga ibitekerezo ku myitwarire y'abarimu n'abanyeshuri no ku bindi basabwa n'ubuyobozi bw'ishuri;

2° to provide views on the discipline and behavior of teachers and students as well as other issues proposed by the school management;

2° donner des avis sur la discipline et le comportement des enseignants et des élèves ainsi que sur d'autres questions proposées par l'administration de l'école ;

3° gutanga ibitekerezo mu itegurwa ry'ingengo y'imari no ku mikoreshereze y'umutungo w'ishuri;

3° to provide views on the preparation of the school budget and use of the school property;

3° donner des avis sur la préparation du budget de l'école et l'utilisation du patrimoine de l'école ;

4° gukumira no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide;

4° to prevent and fight against the genocide ideology;

4° prévenir et lutter contre l'idéologie du génocide ;

5° guteza imbere uburere mboneragihugu.

5° to promote civic education.

